
Bibiliya y'abana irerekana



# Elisa, Umugabo w'ibitangaza

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Lazarus
Alastair Paterson

yahujwe na: Ruth Klassen

yahinduwe na: Margaret Mbabazi

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.

Nta bimasa bihagije byo gukurura isuka. Ikindi cyari gikenewe. Ibyo ntibyabujije umuhinzi ukiri muto witwa Elisa! Yahise yifatanya n'ibimasa, afata umwanya wabuze. Agomba kuba yari umuntu ukomeye, uzi ubwenge ukora cyane.





Igihe Elisa yari arimo guhinga, umuhanuzi w'Imana Eliya araza aramuhamagara. Umusore yavuye mu murima we aba umugaragu w'Imana. Umunsi umwe, Imana yajyanye Eliya mwijuru muri serwakira. Noneho Elisa yari umuhanuzi w'Imana muri Isiraheli.




Nubwo Elisa yababaye kubera ko Eliya yari yagiye, yasenze Imana izamuhe imbaraga nk'iza Eliya. Elisa yafashe umwenda wa Eliya, akubita amazi atemba y'uruzi nk'uko Eliya yabigenje.

Amazi yigabanyamo kabiri! Elisa amenya ko Imana iri kumwe na we.



Mugihe Elisa yari agiye mumujyi witwa I Beteli, abahungu baramuseka, baramubwira bati: “zamuka, wa munyaruhara we!” Ntibitaye ko Elisa yari umugaragu w'Imana. Ikintu gitangaje cyababayeho. Idubu ebyiri zingore yzivuye mu ishyamba zitemagura abahungu mirongo ine na babiri.


Umunsi umwe, Elisa yahuye n'umupfakazi wari ufite umwenda w'amafaranga atashoboraga kwishyura.




Kugira ngo uwo yari abereyemo umwenda yishyure, yari agiye gufata abahungu babiri b'uwo mupfakazi akabagira abagaragu.

Elisa yaramubwiye ati “genda ujye gusaba abaturanyi bawe bose inzabya z’ibumba… inzabya zitagira amazi”.

Imana yari igiye gukorera uwo mugore ikintu gitangaje.



Umupfakazi yari afite ikibindi gito cy'amavuta ahagije kugirango yuzuze ibyo bikoresho byose! Niba bafite ubwogero muri iyo minsi, uratekereza ko Imana nayo yari kuzuza ibyo? Umupfakazi yagurishije amavuta akiza abahungu be.



Undi mudamu n'umugabo we bakoze icyumba cyihariye mu nzu yabo kugira ngo Elisa ajye acumbikamo igihe cyose yabaga ahanyuze. Muri icyo cyumba bashyizemo igitanda, ameza, intebe n'igitereko cy'amatara. Buri gihe iyo nzu yabaga igenewe Elisa.



Elisa yibazaga uko yari kwitura ineza uwo Mugabo n'umugore we bamugiriye. Amaze kumenya ko nta mwana bafite, yavuze ikintu umudamu adashobora kwizera. "Mu mwaka utaha nk'iki gihe, uzakira umuhungu". Nibyo rwose, nyuma yumwaka, umwana aravuka.



Hashize imyaka runaka, uwo mwana w'umuhungu yari kumwe na se mu murima. Umuhungu ararira ati: "Umutwe wangye, umutwe wangye". Nuko bamuzanira nyina, yicara ku mavi ya nyina kugeza saa sita, hanyuma arapfa. Nyina yashyize umuhungu ku buriri mu cyumba cya Elisa.



Utekereza ko arinde ushobora kumufasha?

Ese wavuze ko ari Elisa? Ibyo ni ukuri! Yafashe indogobe yihuta cyane ajya kumushaka. Elisa agera iwe, ajya mu cyumba cyo hejuru wenyine maze asenga Uhoraho. Imana izura uwo mwana. Elisa yaramuhamagaye aramubwira ati



"fata umwana wawe". Mbega ukuntu agomba kuba yarishimye!




Mu gihugu cya Siriya cyari hafi aho, hari umukuru w'ingabo witwaga Namani, Yari umugabo w'intwari kandi w'umunyambaraga, ariko yari arwaye indwara iteye ubwoba y'uruhu yitwaga ibibembe.


Umugore wa Namani yari afite umwana w'umukobwa wari waranyazwe muri isirayeli. Uyu mwana w'umukobwa ati: "Iyaba Namani yari kumwe n'umuhanuzi uri muri Isiraheli! Yari kumukiza ibibembe".




Namani yahise ajya kureba uwo muhanuzi. Yajyanye ifeza, zahabu n'imyenda myiza cyane nk'impano.



Umugaragu wa Elisa arasohoka, ati: "Genda woge mu ruzi rwa Yorodani inshuro zirindwi, urakira. Namani ararakara cyane. Ese ntiyashoboraga kwiyuhagira mu migezi isukuye yo mu gihugu cye cya siriya? Yahise asubira iwabo arakaye cyane."





Kubwamahirwe kuri Namani, abagaragu be baramuvugisha ngo yumvire itegeko rya Elisha. Namanani aramanuka, yiroha muri Yorodani inshuro zirindwi. Naamanani umubembe arakira! Hanyuma Namani asenga Imana y'ukuri, Imana ya Elisha, Uwiteka wari wamukijije ibibembe.



Imana yakoresheje umugaragu we Elisha na nyuma yo gupfa. Umunsi umwe, umugabo yashyinguwe mu buvumo Elisha yari yarahambwemo kera. Igihe umurambo w'uwo mugabo wakoraga ku magufwa y'umuhanuzi, wa mugabo arazuka ahagarara ku birenge. Mu byukuri, Imana yerekanye imbaraga zayo zikomeye binyuze ku mugaragu wayo wizerwa, Elisha.

Elisa, Umugabo w'ibitangaza

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

2 Abami 2-13

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

# Iherezo

25

60

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16